

Smittestopp ni iki?

Smittestopp ni porogaramu yakozwe n'Ikigo cy'ubuzima rusange cyo muri Noruveje cyitwa Norwegian Institute of Public Health (NIPH). Igamije gufata kurwanya ikwirakwira rya koronavirusi muri sosiyete. Ushobora guhitamo niba wakoresha cyangwa utakoresha porogaramu.

Iyo wisuzumishije kandi bikagaragaza ko urwaye koronavirusi, ushobora kubimenyesha abandi bantu ukoresheje porogaramu. Babwirwa ko bashobora kuba bafashwe n'uburwayi maze bakagirwa inama y'icyo bakora. Iyo bimeze bityo, porogaramu ishobora kurinda ko hari abandi bantu bandura. Porogaramu ntabwo ibwira buri wese ko wanduye.

Ni gute nashyira porogaramu ya Smittestopp kuri telefone yanjye?

- Kurura porogaramu uyikuye kuri App Store cyangwa Google Play.
- Muri porogaramu, ukurikiza amabwiriza ari kuri ekara.
- Niba udasobanukiwe ibyanditse, saba umuntu agusobanurire.

Ni gute porogaramu ya Smittestopp ikora?

Iyo wegereye umuntu nawe winjijemo porogaramu muri telefone ye, telefone zohererezanya sinyare hagati yazo.

Iyo undi muntu apimwe bakamusangamo koronavirusi, porogaramu yibuka ko telefone yawe yigeze kwegera umuntu wanduye. Noneho, wakira ubutumwa muri porogaramu akubwira ibyo ugomba gukora. Wanahitamo niba wifuza ko umenyesha undi muntu iyo wanduye.

Iyo wakiriye ubutumwa hakoreshejwe porogaramu, umenya ko ushobora kuba wanduye, ntabwo ikubwira uwanduye cyangwa aho wanduriye. Nta nubwo inzego za leta cyangwa abantu ku giti cyabo bamenya uwo uri we cyangwa aho wagiye.

Ubuzima bwite

- Ugomba kuba urengeje imyaka 16 kugira ngo ukoreshe Smittestopp.
- Amakuru akwerekeyeho asibwa nyuma y'iminsi 14 ntacyo bigusabye gukora.
- Ushobora gusiba amakuru akwerekeyeho muri porogaramu igihe cyose.
- Ushobora no gusiba porogaramu igihe cyose.

Itabire maze utume ubuzima busanzwe bagaruka